Mana Nyagasani imva yanjye ntuzayigire ahakorerwa ibangikanyamana

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mana Nyagasani imva yanjye ntuzayigire ahakorerwa ibangikanyamana, Allah yavumye abantu bafashe imva z'abahanuzi babo bakazigira aho gukorera amasengesho."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabye Nyagasani wayo ko imva ye itagirwa nk'ikigirwamana ngo abantu bayisenge, cyangwa se ngo byajye bayubamira igihe bayigezeho. Nyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga ko Allah yirukanye mu mpuhwe ze uwo ari we wese wafashe imva z'abahanuzi akazigira ahantu ho gusengera, kubera ko kubikora gutyo byatuma abantu bahasenga ndetse bakanahizera.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3336